JW.ORG™
Jya kuri www.jw.org/rw, uvaneho iyi PDF

Icyagufasha gusubiza ibibazo

Wumva umeze ute iyo hagize ukubaza ibyerekeye imyizerere yawe? Ushobora kumva ugize ubwoba kandi ibyo ni ibisanzwe. Soma amagambo Yeremiya yavuze, wumve n'uko Yehova yamuteye inkunga muri Yeremiya 1:6-8. Yehova yafashije Yeremiya kandi nawe azagufasha gusubiza abakubaza ibirebana n'imyizerere yawe.

Nonone gutegura bizatuma wigirira icyizere. Mwese abagize umuryango, mujye kuri jw.org/rw, maze musuzumire hamwe "Ibibazo abantu bakunze kwibaza ku byerekeye Abahamya ba Yehova." (Murebe ahanditse ngo ABO TURI BO > IBIBAZO ABANTU BAKUNZE KWIBAZA.) Reba ikibazo abantu bashobora kukubaza. Soma igisubizo. Musuzume uko buri wese yasubiza icyo kibazo mu magambo ye. Hanyuma mukore umukino wo kugenda musimburana mu kubaza no gusubiza buri kibazo. Mwandike ikibazo umuntu ashobora kubabaza mu ruziga ruri hejuru y'umwana umwe, noneho mwandike igisubizo mushobora kumuha mu rundi ruziga.



▶ **GERAGEZA GUKORA IBI:** Sobanukirwa neza ibyerekeye umuhanuzi Yeremiya. Jya kuri jw.org/rw, uvaneho agafishi k'umuntu uvugwa muri Bibiliya ka Yeremiya. (Reba ahanditse ngo INYIGISHO ZA BIBILIYA > ABANA > UDUFISHI TW'ABANTU BAVUGWA MURI BIBILIYA.) Gerageza gusubiza ibibazo byabajijwe ku gafishi, maze urebe ibisubizo biri ku gafishi kugira ngo umenye niba washubije neza.

www.jw.org © 2013 Watch Tower Bible and Tract Society of Pennsylvania